REKA MBATURE RWARUKUNDO

Placide KALISA

Mbe bahanzi ko munsembura
Ngo nze mbasange twisihinge
Twange cyane bya birura
Byadutwaye imitima yera
Byo gatsindwa na Ryangombe
N'impenebere Nyirakajumba.

Reka mbature rwa rukundo
Ruzira uruhando rwo mw'isumo
Imwe yatwaye bene data
Tukaba twikubye nk'umurembe
Wazize izuba rya Nyakanga.

Reka mbature rwa rukondo
Nabizeza guhora nshoza
Nshaka ubwungo bwa Gihanga
Ngo bajye barengana n'irirenga
Inkoko zabo zizahuhe
Bajye barangwa n'iyo funi
Bazayivuruganye ay'umuyenzi
Imboni zabo ziyikwize.

Reba mbature rwa rukundo
Turuhe cyane Hakizayezu
Ari we Vedaste w'umuhanzi
Dore iyi nganzo yarayigenze
Ati nimuhange mube abaganga

Sebahinzi ntababashe
Kuko umudigi urimo ibijumba
Iyo awukuruye uraforoka
Akaba yagutera guhindana.

Baramwishe bo kamobwa.
None Indatwa namwe Inkindi,
Nimumucyeze ni ingabo icyeye
Ibigwi yatanze tubiririmbe
Kabone n'ejo tunarikeshe
Sebahinzi yikubure
Asange intungwa zo mu muyonga

Azazicange na za nturo
Azaziryane na za ntozo
Kuko ubu byose byarahire
Ahorane ubwaku bwazisaze.

Placide Kalisa